- **Lt. Munyemana François Xavier**: Yigeze kuyobora Ishyirahamwe ry'Abanyeshuli Barokotse Jenoside (AERG KIST-KHI). Yarashwe muri 2007-2008.

- **Bwana Theogene**: Yiciwe kuri rond point i Kigali muri 2007 azira ko abonye abarinda Perezida bica umuntu.

- **Mundungu John** bakundaga kwita **Kalimu**: Yari umuhanzi uzwi wakomokaga i Nyamata. Yaciwe umutwe muri 2005.

- **Muhinda John:** Yiciwe i Kabuga Ugushyingo 2005.

- **Nyiraneza Virginie:** Yiciwe ku Gisenyi kuwa 9 Ugushyingo 2005.

- **Mukaruzima Immaculée:** Yiciwe ku Kibuye kuwa 26 Ukwakira 2005.

- **Nyemazi Elizaphan:** Yiciwe i Kaduha muri Gikongoro kuwa 13 Ukwakira 2004

- **Hitimana Eliphaz:** Yiciwe i Kaduha muri Gikongoro kuwa 3 Kanama 2004

- **Sgt. Gahima Olivier:** Yashimuswe n'intasi za DMI y'u Rwanda i Burundi aho yari yarahungiye. Bamugaruye mu Rwanda akorerwa iyica rubozo ariko nyuma ararekurwa. Hashize amezi make arekuwe, we n'umugore we babarasiye aho bari batuye munsi ya Sainte Famille i Kigali muri 2003.

- **Umugore wa Sgt. Gahima:** Yicanwe n'umugabo we aho bari batuye munsi ya Sainte Famille i Kigali muri 2003.

- **Lt. Col. Kabenga Pinah:** Yishwe mu mwaka wa 2003 i Kigali avuye rond point mu muhanda ujya i Gikondo. Yakubiswe ikintu gityaye mu musaya barangije bamutereka mu modoka ngo byitwe ko ari impanuka.

- **Rutinduka Charles: Y**iciwe i Kaduha muri Gikongoro kuwa 27 Ugushyingo 2003.

- **Ndahimana Emile:** Yiciwe i Kaduha muri Gikongoro kuwa 14 Ukwakira 2003.

- **Karasira** bakundaga kwita **Kabombo:** Yiciwe i Kaduha muri Gikongoro kuwa 21 Mata 2003.